WASAC
Water & Sanitation Corporation
*'Dignifying Life'*

---

**ITANGAZO RIGENEWE ABUBAKA IMIHANDA**

Bimaze kugaragara ko hari igihe abaturage bishyira hamwe bagakora ibikorwaremezo nko kwiyubakira imihanda ariko ntibatekereze ku bijyanye no kwimura amatiyo y'amazi azangizwa n'iyo mirimo.

Ibi bituma abafatabuguzi bacu batabona 'serivise' nziza nk'uko byari bisanzwe, ndetse ahenshi byagaragaye ko bifata igihe kinini cyo gusimbuza ayo matiyo y'amazi aba yangiritse, kuko biba bitarateganyijwe mbere.

Ku bw'izo mpamvu, Ubuyobozi Bukuru bwa **WASAC LTD** burasaba abaturage n'izindi nzego zose zifite gahunda yo gukora imihanda, kujya babanza gutekereza ku bikorwaremezo by'amazi bishobora kuzangizwa n'iyo mirimo. Bityo bateganye hakiri kare ingengo y'imali yo kwimura amatiyo y'amazi no guteganya aho ayo matiyo azimurirwa. Aha turagira inama abafite gahunda yo kubaka imihanda gukorana n'amashami yacu ari mu turere twose, kugira ngo babafashe.

Buboneyeho kwibutsa ko igihe cyose amatiyo y'amazi yangijwe n'imirimo runaka, nyiri iyo mirimo ari we wishyura icyiguzi cyose cy'ibyangijwe hakabaho igikorwa cyo kubisana cyangwa kubyimurira ahandi.

Tubashimiye imikoranire myiza

Bikorewe i Kigali, tariki ya 22 Ugushyingo 2020

WATER AND SANITATION CORPORATION
WASAC
CHIEF EXECUTIVE OFFICER

**Eng. Aime MUZOLA**

**Umuyobozi Mukuru wa WASAC**

---

**KN4 Av 8, CENTENARY HOUSE, Nyarugenge District, Kigali City, Rwanda. Tel: + (250) 788181427**
**E-mail:** wasac@wasac.rw, www.wasac.rw